11° Schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme: instrument de planification à moyen et long terme qui fixe les orientations du développement des agglomérations urbaines;

12° Igishushanyo rusange cy'itunganywa ry'ahantu: igishushanyo cyerekana uko ubutaka bw'ahantu buzakoreshwa;

12° Local land development plan: plan destined to govern the allocation and occupation of land in the area selected;

12° Plan d'aménagement local: plan destiné à régler l'affectation et l'occupation des sols de la zone considérée;

13° Ihuzwa ry'ibibanza byo mu mujyi: igikorwa cy'imitunganyirize y'ahantu mu mujyi, kigamije guhuza ibibanza kugira ngo bihuzwe n'imyubakire mishya;

13° Urban replotting: land development operation which consists, in a given urban area, in grouping plots of land in order to make them suitable for new types of construction;

13° Remembrement urbain: opération d'aménagement qui consiste, dans un périmètre urbain donné, à regrouper des parcelles de terrain en vue de les rendre aptes à de nouveaux types de construction;

14° Ikatwa ry'ibibanza: igikorwa cy'imitunganyirize y'umujyi kigamije gukata

14° Land subdivision: urban planning operation aimed at dividing a plot of vacant

14° Lotissement: opération d'aménagement urbain ayant pour objet la division d'un

ubutaka budafite ikiburiho, ibibanza birenze bibiri bigenewe guturwamo cyangwa gukorerwamo imirimo y'ingereka byashyizwemo ibikorwa bya ngombwa;

15° Intumwa ya nyir'imirimo: uwahawe ubutumwa na nyir'imirimo. Niwe wenyine uyobora ikorwa ry'imirimo kuva mu itegurwa ry'umushinga kugeza ku iyakirwa ryayo;

16° Inyandiko shusho: inyandiko zikubiyemo ibishushanyo byerekana uko ubutaka bw'ahantu buteye cyangwa uko ibikorwa remezo by'aho hantu bimeze;

17° Inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi: inyandiko zigizwe n'igishushanyo mbonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'imijyi, hamwe n'igishushanyo rusange n'ibishushanyo byihariye by'itunganywa ry'umujyi;

18° Inyubako rusange: inyubako zihuriweho n'abantu benshi bitewe n'ibikorwa binyuranye bikorerwamo;

19° Inyubako zikomye: inyubako zashyizwe mu mutungo karemano cyangwa mu mutungo ndangamyubakire kugira ngo zirindwe;

land into more than two serviced sites destined for settlement or related activities;

15° Client's representative: exclusive agent of the client. He/she is solely responsible for supervising the execution of works from the time of conception of projects to final acceptance of works;

16° Graphic document: document containing plans showing the characteristics of lands of a specific area or the nature of infrastructure erected on that area;

17° Urban planning documents: documents consisting of the master plan for land management and urban planning and local and special urban development plans;

18° Buildings intended for public use: buildings intended to be used by several people because of various activities carried out therein;

19° Protected buildings: buildings classified as a natural and architectural heritage for their protection;

terrain nu en plus de deux lots viabilisés destinés à l'habitation ou aux activités connexes;

15° Maître d'ouvrage délégué: mandataire exclusif du maître d'ouvrage. Il est seul responsable de la direction de l'exécution des travaux depuis la conception du projet jusqu'à la réception définitive des travaux;

16° Document graphique: document contenant des schémas présentant les caractéristiques des terres d'une zone donnée ou la nature des infrastructures érigées dans cette zone;

17° Documents d'urbanisme: documents constitués par le schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme et les plans d'aménagement locaux et particuliers;

18° Bâtiments à usage public: bâtiments affectés à l'usage de plusieurs personnes en raison de différentes activités qui y sont réalisées;

19° Immeubles protégés: immeubles classés dans le patrimoine naturel ou architectural en vue de leur protection;

20° Isubirwamo ry'inyubako zo mu mujyi: igikorwa kiri muri gahunda yo kubaka bundi bushya agace k'umujyi, ibice bishaje bigasimbuzwa ibishya;

20° Urban buildings renewal: any coordinated operation aimed at reconstruction of a block of buildings or an area through substitution of new elements for old elements;

20° Rénovation des constructions urbaines: toute opération coordonnée de reconstruction d'un îlot ou d'un quartier qui se traduit par une substitution des éléments neufs aux éléments anciens;

21° Iyakirwa ry'inyubako: inyandiko nyir'imirimo avugamo ko yakiriye inyubako akagaragazamo ingingimira ku makosa yo gukosora iyo ahari;

21° Acceptance of building works: document by which the client declares to accept the work and, where appropriate, with reservations on defects to be rectified;

21° Réception des travaux de construction des batiments: acte par lequel le maître de l'ouvrage déclare accepter l'ouvrage avec, le cas échéant, des réserves dues aux défauts à corriger;

22° Kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange: ugukura abantu ku butaka bari bafite, kubera inyungu rusange, ariko habanje gukurikizwa ibiteganywa n'amategeko no kuriha indishyi ikwiye;

22° Expropriation in the public interest: dispossession of real estate for public interest, subject to legal formalities and in return for prior and fair compensation;

22° Expropriation pour cause d'utilité publique: dépossession de la propriété foncière dans le but d'intérêt général, en conformité avec des formalités prévues par la loi et moyennant l'indemnisation juste et préalable;

23° Nyir'imirimo: umuntu ku giti cye,isosiyete, ikigo, ishyirahamwe, umuryango bifite ubuzima gatozi byaba ibya Leta cyangwa byigenga, byiswe gutyo mu nyandiko z'amasezerano kandi bikorerwa imirimo cyangwa byubakirwa;

23° Owner : individual, corporation, institution, association or organisation, whether public or private, referred to as such in contractual documents and on behalf of whom the works or building construction are executed;

23° Maître d'ouvrage: individu, une société, une institution, une association ou une organisation de droit public ou privé désigné par ce terme dans les documents contractuels et pour le compte duquel les travaux ou ouvrages immobiliers sont exécutés;

24° Rwiyemezamirimo: isosiyete, ikigo, ishyirahamwe, umuryango bifite ubuzima gatozi byaba ibya Leta cyangwa byigenga bigizwe n'abafite impamyabumenyi ihanitse mu bijyanye n'imirimo y'ubwubatsi bahawe na Kaminuza cyangwa Ishuri Rikuru ryemewe

24° Contractor: public or private company, firm, association, organization with legal personality formed by individuals holding bachelor's degrees in civil engineering awarded by a legally recognized university or institution of higher learning and who are members of the

24° Entrepreneur: société, entreprise, association, organisation de droit public ou privé dotée de la personnalité juridique constituée de personnes titulaires de diplômes de licence en génie civil délivrés par une institution universitaire ou d'enseignement

n'amategeko kandi bakaba ari abanyamuryango b'urwego ruhuje abakora imirimo y'ubwubatsi rwemewe mu gihugu;

association of civil engineers licensed in the country;

supérieur légalement reconnue et qui sont membres de l'ordre des ingénieurs civils agréés dans le pays;

25° Uburenganzira bwo gucungura umutungo: uburenganzira bwemerewe Leta cyangwa Uturere, bwo kugura mbere y'abandi bose, inyubako imwe cyangwa nyinshi, mu gihe zishyizwe ku isoko;

25° Pre-emptive right: right given to the State or Districts to purchase one or several buildings with preference over any other potential buyer when the said building(s) is/are put up for sale;

25° Droit de préemption: droit reconnu à l'Etat ou aux Districts d'acquérir, en cas d'aliénation, la propriété d'un ou de plusieurs immeubles ou de droits réels immobiliers, par préférence à tout autre acquéreur éventuel;

26° Ubutaka Leta yizigamiye: ubutaka Leta yibikira mu mujyi kugira ngo buzatunganywe mu gihe bukenewe mu mujyi;

26° Land reserves: land set aside by public authorities for future urban development needs;

26° Réserves foncières: domaines fonciers reservés par l'autorité publique pour des besoins d'aménagement urbain futur;

27° Ukora igishushanyo cy'inyubako: umuntu ufite impamyabumenyi ihanitse mu gukora igishushanyo cy'inyubako yahawe na Kaminuza cyangwa Ishuri Rikuru ryemewe n'amategeko kandi akaba ari umunyamuryango w'urwego ruhuje abakora ibishushanyo rwemewe mu gihugu. Uwo muhanga, ahanga imiterere, ikoreshwa, ibiranga ubwiza bw'inyubako, injyana mu gihagararo no mu marangi by'iyo nyubako n'ibindi bijyanye no guhanga inyubako;

27° Architect: An individual with a Bachelor degree in architecture from an accredited university or institution of higher learning and who is a member of the recognized National Association of Architects. He/she is responsible for the design of the work, its functionality, aesthetics, harmony of its shapes and colors and other design aspects;

27° Architecte*:* personne ayant un diplôme de licence en architecture délivré par une institution universitaire ou d'enseignement supérieur légalement reconnue et qui est membre de l'Ordre national des architectes reconnu. Il est responsable de la conception de l'oeuvre, de sa fonctionnalité, de son esthétique, de l'harmonie de ses formes et couleurs et d'autres aspects de conception;

28° Ukoresha imirimo: umuntu ku giti cye, isosiyete, ikigo, ishyirahamwe, umuryango bifite ubuzima gatozi byaba ibya Leta cyangwa byigenga byiswe gutyo mu nyandiko z'amasezerano. Hakurikijwe ubutumwa yahawe na nyir'imirimo, akurikirana ishyirwa

28° Project manager: an individual, corporation, institution, association or organisation, whether public or private, referred to as such in contractual documents. He/she supervises and monitors the execution of building projects in accordance with the

28° Maître d'œuvre: individu, société, institution, association ou organisation de droit public ou privé désigné par ce terme dans les documents contractuels. Il assure, selon l'étendue de la mission qui lui a été confiée par le maître d'ouvrage, la

mu bikorwa ry'imishinga yo kubaka kandi akarigenzura. Abazwa imirimo y'ubwubatsi cyangwa inyubako zubatswe;

scope of the mission he/she has been entrusted with by the owner. He/she is held accountable for building works and erected structures;

surveillance et le contrôle de l'exécution des projets de construction. Il est responsable des travaux de construction ou des ouvrages immobiliers;

29° Umuhanga mu by'ubwubatsi: umuntu ufite impamyabumenyi ihanitse mu by'ubwubatsi yahawe na Kaminuza cyangwa Ishuri Rikuru ryemewe n'amategeko kandi akaba ari umunyamuryango w'Urwego ruhuje abahanga mu by'ubwubatsi rwemewe mu gihugu;

29° Civil engineer: individual with a bachelor degree in civil engineering from a recognized university or institution of higher learning and who is a member of the Association of Engineers licensed in the country;

29° Ingénieur civil*:* personne ayant un diplôme de licence en construction délivré par une institution universitaire ou d'enseignement supérieur légalement reconnue et qui est membre de l'Ordre des ingénieurs reconnu dans le pays;

30° Umujyi munini: umujyi ufite nibura abaturage ibihumbi magana abiri (200.000);

30° City: town that has at least two hundred thousand (200,000) inhabitants;

30° Grande ville : ville comptant au moins deux cent mille (200.000) habitants;

31° Umujyi mutoya: umujyi ufite abaturage bahera ku bihumbi icumi (10.000), ariko batageze ku bihumbi mirongo itatu (30.000);

31° Agglomeration: town with at least ten thousand (10,000) inhabitants but less than thirty thousand (30,000) inhabitants;

31° Agglomération : ville comptant dix mille (10.000) habitants mais moins de trente mille (30.000) habitants;

33° Umujyi uciriritse: umujyi ufite abaturage bahera ku bihumbi mirongo itatu (30.000) ariko batageze ku bihumbi magana abiri (200.000);

32° Municipality: town with at least thirty thousand (30,000) inhabitants but less than two hundred thousand (200,000) inhabitants;

32° Municipalité : ville comptant au moins trente mille (30.000) habitants mais moins de deux cent mille (200.000) habitants;

33° Umutunganyantara: umuntu ku giti cye cyangwa ishyirahamwe, urwego rwa Leta cyangwa uwikorera, wemerewe gukora ibikorwa by'itunganywa ry'imijyi;

33° Developer: individual or legal entity, public or private, authorized to conduct urban planning operations;

33° Aménageur: personne physique ou morale, publique ou privée, autorisée à effectuer des opérations d'urbanisme;

34° Uruhushya rwo gukoresha inyubako: inyandiko itangwa n'urwego rw'ubuyobozi

34° Occupation permit: document issued by the competent administrative authority to

34° Permis d'occupation: document délivré par l'autorité administrative compétente

rubifitiye ububasha, yemeza ko inyubako ihuje n'amategeko y'itunganywa ry'imijyi n'ay'imyubakire n'uruhushya rwo kubaka;

35° Uruhushya rwo gusenya: inyandiko yemera isenywa ry'inyubako cyangwa ry'igice cyayo itangwa n'urwego rw'ubuyobozi rubifitiye ububasha;

36° Uruhushya rwo kubaka: inyandiko itanga uruhushya rwo gukora inyubako, itangwa n'urwego rw'ubuyobozi rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 3: Abantu iri tegeko rireba

Iri tegeko rikurikizwa:

1 º ku mijyi no ku midugudu ituwe nibura n'abaturage ibihumbi cumi (10.000) batuye nibura ku buso bwa kilometero kare makumyabiri (20 Km^2), harimo nibura amazu yo guturamo, ibikorwa remezo, inyubako z'ubuyobozi, izikorerwamo imirimo y'ubukungu n'iy'imibereho myiza y'abaturage;

2 º ku hantu hari ibikorwa remezo by'ubuyobozi cyangwa by'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage, ku

certify conformity of buildings with urban planning and building regulations and with the building permit;

35° Demolition permit: document issued by a competent administrative authority authorizing demolition of all or part of a building;

36° Building permit: document issued by a competent administrative authority authorizing to construct a building.

Article 3: Scope of application of this Law

This Law shall apply to:

1 º towns and agglomerations with at least ten thousand (10,000) inhabitants spread over an area of at least twenty square kilometers (20 sq km) and occupied by at least residential houses, infrastructure, administrative buildings and buildings designed for socio-economic activities;

2 º areas occupied by socio-economic and administrative infrastructure within a radius of two kilometers (2km) around

attestant la conformité des constructions aux règles d'urbanisme et de construction et à l'autorisation de bâtir;

35° Permis de démolir: document délivré par l'autorité administrative compétente autorisant la démolition de tout ou partie d'un immeuble;

36° Autorisation de bâtir: document délivré par une autorité administrative compétente qui autorise la réalisation d'une construction.

Article 3: Champ d'application de la présente loi

La présente loi s'applique :

1 º aux villes et aux agglomérations d'au moins dix mille (10.000) habitants répartis sur une superficie d'au moins vingt kilomètres carrés (20 km^2) et sont au moins occupées par des maisons d'habitation, des infrastructures, des bâtiments administratifs et des bâtiments affectés aux activités économiques et sociales;

2 º aux zones abritant les infrastructures administratives et socio-économiques dans un rayon de deux kilomètres

birometero bibiri (2 km) kuva aho ibyo bikorwa biri, mu gihe inzego zibishinzwe zahateganyirije ibikorwa by'amajyambere;

3 º ku hantu hemejwe n'inzego zibishinzwe ko hagomba kugirwa rukuruzi y'amajyambere;

4 º ku handi hantu hatuwe n'abaturage ku buryo bucucitse cyangwa hakorerwa imirimo itandukanye, hagengwa n'amategeko agenga imiturire cyangwa imitunganyirize y'ubutaka bwo mu cyaro.

such infrastructure if such areas are classified as economic zone by competent organs;

3 º areas classified as economically attractive by competent organs;

4 º any other densely occupied area or in which various activities are carried out and determined by laws governing housing and rural development.

(2km) autour de ces infrastructures lorsque les organes compétents ont affecté ces zones aux activités économiques;

3 º aux zones classées en espaces d'attractivité économique par les organes compétents;

4 º à toute autre zone densément occupée ou abritant différentes activités et déterminée par les lois régissant l'habitat et l'aménagement rural.

Ingingo ya 4: Ibyiciro by'imijyi

Imijyi iri mu byiciro bitatu (3) bikurikira:

1° Umujyi munini;
2° Umujyi ucirititse;
3° Umujyi muto.

Iteka rya Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze rigena ibindi byangombwa by'inyongera, harimo n'ibikorwa remezo bigomba kuba biri ahagengwa n'iri tegeko hose.

Article 4: Categories of urban areas

Urban areas shall be subdivided into the following three (3) categories:

1 º cities;
2 º municipalities;
3 º agglomeration.

An Order of the Minister in charge of urban planning and construction shall determine additional criteria, including basic equipment and infrastructure which any entity governed by this Law shall be supplied with.

Article 4: Catégories des milieux urbains

Les milieux urbains sont répartis en trois (3) catégoies suivantes:

1 º grande ville;
2 º municipalité;
3 º agglomération.

Un arrêté du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions détermine des critères complémentaires, notamment les équipements et infrastructures de base dont doit être dotée toute entité régie par la présente loi.

Ingingo ya 5: Icyo imitunganyirize y'imijyi igamije

Imitunganyirize y'imijyi igamije gutunganya imijyi ku buryo bukurikije politiki y'iterambere mu by'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage na politiki y'imitunganyirize y'ubutaka bw'igihugu n'iyo kurinda ibidukikije.

Article 5: Urban planning objective

The aim of urban planning shall be progressive and provisional development of agglomerations within the framework of economic and social development policy, rural planning and environmental protection.

Article 5: Objet de l'urbanisme

L'urbanisme a pour objet l'aménagement progressif et planifié des agglomérations dans le cadre d'une politique de développement économique et social et d'aménagement du territoire et de protection de l'environnement.

Ingingo ya 6: Icyo imitunganyirize y'imyubakire igamije

Imitunganyirize y'imyubakire igamije guteza imbere injyana mu mategeko y'umwuga n'imikorere myiza mu myubakire y'inyubako.

Ituma hubakwa inyubako zitateza ibibazo, zifashwe neza mu buryo buteganyijwe butabangamiye ibidukikije kandi hakorwa inyubako zihuje na politiki z'u Rwanda z'iterambere mu by'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

Article 6: Building planning objective

The objective of building planning shall be to promote the harmonization of professional practice in construction.

It shall ensure the construction of safe, well maintained, well planned, environmentally sound and fit-for-purpose buildings that conform to economic and social development policies of Rwanda.

Article 6: Objet de l'organisation de la construction

L'organisation de la construction vise à promouvoir l'harmonisation des règles professionnelles pratiques en matière de construction.

Elle assure la réalisation de constructions ne présentant pas de danger, bien entretenues, bien planifiées, répondant aux normes environnementales et de praticabilité et conformes aux politiques de développement économique et social du Rwanda.

UMUTWE WA II: INZEGO

Icyiciro cya mbere: Inzego zishinzwe imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire

CHAPTER II: INSTITUTIONAL FRAMEWORK

Section One: Structures in charge of urban planning and building

CHAPITRE II: CADRE INSTITUTIONNEL

Section première: Structures chargées de l'urbanisme et de la construction

Ingingo ya 7: Inzego z'imicungire y'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire

Inzego zishinzwe imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire ni izi zikurikira**:**

1° Minisiteri ifite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano zayo;

2° Inzego z'ibanze zifite ubuzimagatozi**;**

3° Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire (RHA).

Article 7: Management structures of urban planning and building

Structures in charge of urban planning and building shall be the following:

1 º the Ministry in charge of urban planning and building;

2 º the decentralized entities with legal personality;

3 º the Rwanda Housing Authority (RHA).

Article 7: Structures de gestion de l'urbanisme et de la construction

Les structures chargées de l'urbanisme et de la construction sont les suivantes:

1 º le Ministère ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions;

2 º les entités décentralisées dotées de la personnalité juridique;

3 º l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat (RHA).

Ingingo ya 8: Inshingano za Minisiteri ifite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano zayo

Mu ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko, Minisiteri ifite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano zayo ishinzwe:

1° gutegura politiki y'Igihugu y'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire;

2° guhuza ibikorwa by'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire;

Article 8: Responsibilities of the Ministry in charge of urban planning and building

For the purpose of the implementation of this Law, the Ministry in charge of urban planning and building shall have the following responsibilities:

1 º to put in place a national urban planning and building policy;

2 º to coordinate urban planning and building activities;

Article 8: Attributions du Ministère ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions

Aux fins de l'application de la présente loi, le Ministère ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions a les attributions suivantes :

1 º mettre en place une politique nationale d'urbanisme et de construction ;

2 º assurer la coordination des activités d'urbanisme et de construction;

3° kugena imiterere n'imicungire y'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire;

4° kugenzura imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire.

Iteka rya Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze rishyiraho amabwiriza yerekeye imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire, amaze kugisha inama Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire (RHA).

Ingingo ya 9: Inshingano z'inzego z'ibanze

Inzego z'ibanze zifite ubuzimagatozi zishyira mu bikorwa ibiteganyijwe n'amategeko agenga imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire.

Ingingo ya 10: Inshingano z'ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire (RHA)

Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire (RHA) gishyira mu bikorwa iri tegeko hakurikijwe inshingano ziteganywa n'itegeko rikigenga.

3 º to determine the organization and management of urban planning and building sector;

4 º to ensure the control of urban planning and building sector.

An Order of the Minister in charge of urban planning and building shall determine urban planning and building regulations after consultation with the Rwanda Housing Authority (RHA).

Article 9: Responsibilities of decentralized structures

Decentralized entities with legal personality shall implement provisions of laws governing urban planning and construction.

Article 10: Responsibilities of the Rwanda Housing Authority (RHA)

The Rwanda Housing Authority (RHA) shall implement this Law in accordance with its responsibilities provided under its governing law.

3 º déterminer l'organisation et la gestion du secteur de l'urbanisme et de la construction;

4 º assurer le contrôle du secteur de l'urbanisme et de la construction.

Un arrêté du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions détermine des règlements en matière d'urbanisme et de construction après consultation de l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat (RHA).

Article 9: Attributions des structures décentralisées

Les entités décentralisées dotées de la personnalité juridique mettent en application les dispositions des lois régissant l'urbanisme et la construction.

Article 10: Attributions de l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat (RHA)

L'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat (RHA) met en application la présente loi conformément à ses attributions prévues par la loi qui le régit.

Icyiciro cya 2: Urwego rushakira amafaranga imirimo y'imitunganyirize y'imijyi

Ingingo ya 11: Ikigega cy'iterambere ry'imijyi

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iri tegeko, hashyizweho Ikigega cy'Iterambere ry'imijyi.

Iteka rya Perezida rigena imiterere, imikorere n'inshingano zacyo**.**

Section 2: Urban planning and building financing structure

Article 11: Urban Development Fund

For the purpose of the implementation of this Law, there is created an Urban Development Fund.

A Presidential Order shall determine its organization, functioning and responsibilities.

Section 2: Structure de financement de l'urbanisme et de la construction

Article 11: Fonds de développement urbain

Aux fins de l'application de la présente loi, il est créé un Fonds de développement urbain.

Un Arrêté Présidentiel détermine son l'organisation, son fonctionnement et ses attributions.

INTERURO YA II: IBIKURIKIZWA MU MITUNGANYIRIZE Y'IMIJYI NO MU MYUBAKIRE

UMUTWE WA MBERE: IBIKURIKIZWA MU MITUNGANYIRIZE Y'IMIJYI

TITLE II: RULES IN URBAN PLANNING AND BUILDING

CHAPTER ONE: RULES IN URBAN PLANNING

TITRE II: REGLES EN MATIERE D'URBANISME ET DE CONSTRUCTION

CHAPITRE PREMIER : REGLES EN MATIERE D'URBANISME

Ingingo ya 12: Inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi

Imitunganyirize y'imijyi ikorwa hifashishijwe inyandiko zikurikira:

1° ibishushanyombonera by'imitunganyirize y'ahantu n'imijyi;

Article 12: Urban planning documents

Urban planning shall be performed with the aid of the following documents:

1 º master plan for land management and urban planning;

Article 12: Documents d'urbanisme

L'aménagement urbain se fait à l'aide des documents d'urbanisme suivants:

1 º les schémas directeurs d'aménagement et d'urbanisme;

2° ibishushanyo rusange by'itunganywa ry'ahantu;

2 º local land development plans;

2 º les plans d'aménagement locaux;

3° ibishushanyo byihariye by'itunganywa ry'ahantu;

3 º specific land development plans;

3 º les plans d'aménagement particuliers;

4° ibishushanyo by'ikatwa ry'ibibanza.
Iteka rya Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze rishyiraho ibikubiye mu nyandiko zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

4 º land subdivision plans.
An Order of the Minister in charge of urban planning and building shall provide for regulations designed to complement the documents provided under Paragraph One of this Article.

4 º plans de lotissement.
Un arrêté du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions prévoit les règlements devant compléter les documents prévus à l'alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 13: Ibishushanyombonera by'imitunganyirize y'ahantu n'imijyi

Umujyi wa Kigali n'Uturere bigomba kugira ibishushanyombonera by'imitunganyirize y'ahantu n'imijyi bihuje n'imbonerahamwe y'imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda.

Article 13: Master plans for land management and urban planning

The City of Kigali and Districts shall have master plans for land management and urban planning in conformity with the pattern of rational land use in Rwanda.

Article 13: Schémas directeurs d'aménagement et d'urbanisme

La Ville de Kigali et les Districts sont tenus de disposer des schémas directeurs d'aménagement et d'urbanisme conformes au schéma d'utilisation rationnelle des terres au Rwanda.

Ingingo ya 14: Ibikubiye mu gishushanyombonera n'igishushanyo cyihariye

Ibikubiye mu gishushanyo rusange n'igishushanyo cyihariye by'imitunganyirize y'ahantu bigomba kuba bihuje n'ibikubiye mu bishushanyombonera by'imitunganyirize y'ahantu n'imijyi.

Article 14: Provisions of the master plan and the specific development plan

The provisions of the local and specific development plans shall be compatible with those of the master plan for land management and urban planning.

Article 14: Dispositions du shéma directeur et du plan d'aménagement particulier

Les dispositions du plan local d'aménagement et du plan d'aménagement particulier doivent être compatibles avec celles du schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme.

Ingingo ya 15: Ibikorwa by'itunganywa ry'imijyi

Ibice by'umujyi biteganywa n'ibishushanyombonera by'imitunganyirize y'ahantu n'imijyi, iby'Uturere n'Umujyi wa Kigali, ibishushanyo rusange n'iby'ihariye byateganyirijwe gutunganywa, bikorerwaho imirimo ikurikira:

1° ikatwa ry'ibibanza;

2° ihurizwa hamwe ry'ibibanza byo mu mujyi;

3° isubirwamo ry'ibibanza;

4° isubirwamo ry'inyubako zo mu mujyi;

5° igikorwa cyo gusubiza isura inyubako zo mu mujyi.

Article 15: Urban planning operations

Zones envisaged by urban master plans, master plans at the decentralized entities level and by local and specific development plans shall be subject to the following planning operations:

1 º land subdivision;

2 º urban replotting;

3 º plot restructuring;

4 º building renewal;

5 º building refurbishment.

Article 15: Opérations d'urbanisme

Les zones d'aménagement urbain prévues par les schémas directeurs d'aménagement et d'urbanisme des entités décentralisées et par les plans locaux et les plans d'aménagement particuliers font l'objet des opérations d'urbanisme suivantes:

1 º le lotissement;

2 º le remembrement urbain;

3 º la restructuration;

4 º la rénovation des constructions;

5 º la restauration immobilière.

Ingingo ya 16: Itangizwa ry'ibikorwa by'imitunganyirize y'imijyi

Ibikorwa by'imitunganyirize y'imijyi bitangizwa hakurikijwe ibiteganywa n'igishushanyombonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'imijyi, igishushanyo rusange n'igishushanyo cyihariye by'imitunganyirize y'ahantu.

Article 16: Initiating urban planning operations initiatives

Urban planning operations shall be started in conformity with the requirements of the urban planning master plan, those of the local and specific development plans.

Article 16: Initiation des opérations d'urbanisme

Les opérations d'urbanisme sont initiées conformément aux prescriptions du schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme, celles du plan local et du plan particulier d'aménagement.

Ingingo ya 17: Inzego zemerewe gutegura inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi

Ibiro byiga imishinga bifite ubushobozi buhanitse ni byo byonyine byemerewe gutegurira urwego rw'ubuyobozi rubishinzwe, inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi, bikagenzurirwa hafi n'urwego rushinzwe imitunganyirize y'imijyi rw'aho ngaho, rwifashishije bibaye ngombwa urundi rwego rwose rwa Leta rubifitiye ubushobozi.

Article 17: Organs authorized to elaborate urban planning documents

Only consulting firms with profound expertise shall be authorized to elaborate urban planning documents for competent administrative organ under the direct supervision of the service in charge of urban planning having competence in the area where work will be performed, and, in collaboration if necessary, with any other competent structure of the State.

Article 17: Organes habilités à élaborer les documents d'urbanisme

Seuls les bureaux d'étude ayant une expertise approfondie sont habilités à élaborer**,** pour le compte d'un organe administratif compétent, des documents d'urbanisme sous la supervision directe du service chargé de l'urbanisme territorialement compétent qui, en cas de nécessité, se fait aider par toute autre structure compétente de l'Etat.

Ingingo ya 18: Ahagenewe gushyirwa inyubako n'ibindi bikorwa

Ibikorwa byo gutunganya ahantu bigomba gushyirwa ahantu hakurikijwe ibiteganywa n'igishushanyombonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'imijyi, ibishushanyo rusange n'ibishushanyo byihariye by'imitunganyirize y'ahantu.

Article 18: Location of buildings and other projects

Within the selected areas all planning and construction must be in accordance with the policies contained in urban master plans and those of the local and specific development plans.

Article 18: Localisation des ouvrages et d'autres projects

Les aménagements et les constructions de toute nature doivent être localisés en fonction des orientations générales du schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme et celles du plan local et du plan particulier d'aménagement.

Ingingo ya 19: Ibibanza byo kubakamo

Ibibanza byo kubakamo bigomba kuba bigerwaho n'imihanda rusange cyangwa yihariye ituma bigerwaho ku buryo butaziguye.

Article 19: Plots for construction

Plots for construction must be serviced with public or private roads that allow direct access.

Article 19: Terrains à bâtir

Les terrains à bâtir doivent être desservis par des voies publiques ou privées permettant leur accès direct.

Ingingo ya 20: Ishyirwa ry'inyubako mu bibanza

Ishyirwa ry'inyubako mu bibanza rigomba gukorwa ku buryo bworohereza itangwa rya za serivisi.

UMUTWE WA II: IBIKURIKIZWA MU MYUBAKIRE

Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange

Ingingo ya 21: Imyanya yinjiza urumuri n'umwuka mu nyubako n'injyana z'inyubako

Iteka rya Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze rishyiraho uburyo imyanya yinjiza urumuri, ubwitarure n'injyana y'inyubako ikorwa.

Ingingo ya 22: Umushinga w'igishushanyo cy'inyubako

Umushinga w'inyubako ukorwa hifashishijwe inyandiko zikurikira:

1˚ ifishi y'ubutaka;

2˚ igishushanyo cyerekana uko ibikorwa bizashyirwa mu kibanza;

Article 20: Establishment of building in plots

The establishment of buildings in plots shall be done in a way that facilitates access to services.

CHAPTER II: RULES IN BUILDING

Section One: Common provisions

Article 21: Openings for lighting and ventilation and, building harmony

An Order of the Minister in charge of urban planning and building shall determine the modalities to put in all building openings for natural lighting and ventilation.

Article 22: Architectural project

The architectural project shall be carried out using the following documents:

1º the cadastral register;

2º the layout of structures;

Article 20: Implantation des bâtiments dans les parcelles

L'implantation des bâtiments à l'intérieur des parcelles doit être faite de manière à en permettre l'accessibilité aux services.

CHAPITRE II: REGLES EN CONSTRUCTION

Section première: Dispositions communes

Article 21: Ouvertures d'éclairage et d'aération et harmonie des constructions

Un arrêté du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions détermine les modalités de mettre dans tous les bâtiments des ouvertures pour un éclairage et une aération naturels.

Article 22: Projet architectural

Le projet architectural se réalise à l'aide des documents suivants :

1 º la fiche cadastrale;

2 º l'implantation des ouvrages;

3˚ inyandiko shusho;

4˚ ibigize inyandiko shusho n'ikigereranyo cy'amafaranga;

5˚ igitabo cy'imibare yerekana ubukomere bw'Inyubako;

6˚ ishusho ry'inyubako.

3º the graphic document;

4º the composition of the graphic document and cost estimates;

5º stability calculations of the structure;

6º aspect of the structure.

3 º le document graphique;

4 º la composition du document graphique et le devis estimatif;

5 º notes de calcul de stabilité de l'ouvrage;

6 º l'aspect de l'ouvrage.

Ingingo ya 23: Imirimo ijyanye n'ibikorwa by'imyubakire

Ibikorwa bijyanye n'imyubakire birimo:

1˚ imirimo yo kubaka;

2˚ kunoza inyubako;

3˚gusana inyubako;

4˚ gusenya inyubako;

5˚ kongera inyubako ziri mu bibanza byatunganyijwe.

Article 23: Operations relating to building activities

The operations relating to building activities shall include the following:

1° construction works;

2° completion of a building;

3° rehabilitation of a building;

4° demolition of a building;

5° extension of building located on developed land.

Article 23: Opérations relatives aux activités de construction

Les opérations relatives aux activités de construction comprennent ce qui suit :

1 º les travaux de construction;

2 º la finition d'un ouvrage;

3 º la réhabilitation d'un ouvrage;

4 º la démolition d'un ouvrage;

5 º l'extension des ouvrages érigés sur des terrains aménagés.

Ingingo ya 24: Kwifashisha ibiro byiga imishinga y'ubwubatsi

Umuntu wese ushaka kubaka inyubako itangirwa uruhushya agomba kwifashisha

Article 24: Hiring of services of a civil engineering consulting firm

Any person wishing to construct a building subject to the building permit shall hire the

Article 24: Recours aux services d'un bureau d'études en génie civil

Quiconque désire ériger un ouvrage soumis à l'autorisation de bâtir doit recourir aux

ibiro byiga imishinga y'ubwubatsi.

services of a civil engineering consulting firm.

services d'un bureau d'études en génie civil.

Ingingo ya 25: Inyubako rusange

Inyubako rusange yose igomba gukorwa hakurikijwe amabwiriza ashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze.

Article 25: Buildings intended for public use

Any building intended for public use shall be done in accordance with the rules enacted by an Order of the Minister in charge of urban planning and building.

Article 25: Bâtiments à usage public

Tout bâtiment à usage public doit être érigé conformément aux règles édictées par voie d'arrêté du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions.

Ingingo ya 26: Ikoranabuhanga mu nyubako rusange

Inyubako rusange zose zigomba guteganya ibyangombwa by'ingenzi bituma hakoreshwa ikoranabuhanga ku buryo bworoshye.

Iteka rya Minisitiri ufite ikoranabuhanga mu nshingano ze rigena urutonde rw'ibyangombwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, rikanagena imikoreshereze yabyo.

Article 26: Installation of technology facilities in buildings intended for public use

All buildings intended for public use shall be equipped with facilities enabling the use of technology.

An Order of the Minister in charge of technology shall determine the list and the use of facilities provided under Paragraph One of this Article.

Article 26: Installation des technologies dans des bâtiments à usage public

Tous les bâtiments à usage public doivent être équipés des installations facilitant l'utilisation de la technologie.

Un arrêté du Ministre ayant la technologie dans ses attributions détermine la liste et l'utilisation des installations visées à l'alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 27: Isuku n'isukura mu nyubako rusange

Inyubako rusange zubakwa hakurikijwe amabwiriza y'isuku n'isukura ashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze.

Article 27: Hygiene and sanitation in buildings intended for public use

Buildings intended for public use shall be built in accordance with hygiene and sanitation rules enacted by an Order of the Minister in charge of urban planning and building.

Article 27: Hygiène et assainissement dans des bâtiments à usage public

Les bâtiments à usage public sont érigés conformément aux règles d'hygiène et d'assainissement édictées par voie d'arrêté du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions.

Ingingo ya 28: Kwakira abantu bafite ubumuga mu nyubako rusange

Inyubako rusange zigomba kubakwa ku buryo zakira kandi zigakoreshwa n'abantu bafite ubumuga.

Article 28: Access to public buildings intended for persons with disability

Buildings intended for public use shall be built in a manner that allows access and use by persons with disability.

Article 28: Accès aux bâtiments à usage public par des personnes handicapées

Les bâtiments à usage public doivent être érigés d'une manière permettant l'accès et l'usage par des personnes handicapées.

Ingingo ya 29: Ingaruka zo kudatangirira ibikorwa by'imyubakire ku gihe

Iyo hashize imyaka ibiri (2) umushinga w'igikorwa cy'imyubakire wemewe, kandi imirimo ntitangire cyangwa ntirangire, uwo mushinga uraseswa. Icyakora, bisabwe na nyir'igikorwa kandi agaragaje impamvu zumvikana, icyo gihe gishobora kongererwa amezi atarenze atandatu (6) kugira ngo imirimo itangire.

Article 29: Effects of failure to commence construction works within the prescribed period

After a period of two (2) years from the date of its approval, the execution plan shall be cancelled if works have not commenced. However, upon request by the promoter, the period shall be extended to a period not exceeding six (6) months for the work to commence.

Article 29: Effet du non démarrage des travaux de construction dans les délais

Passé un délai de deux (2) ans à compter de sa date d'approbation, le plan d'exécution fera l'objet d'annulation si les travaux ne sont pas entamés. Cependant, à la demande du promoteur, ce délai peut être renouvelé à une période ne dépassant pas six (6) mois pour demarrer les travaux.

Icyiciro cya 2: Ibikurikizwa mu mirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kububakira

Section 2: Real estate development regulations

Section 2: Règles en matière de promotion immobilière

Ingingo ya 30: Ibisabwa kugira ngo umuntu agire uburenganzira bwo gutunga ubutaka bugenewe imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kubibubakira

Article 30: Conditions for authorization to carry out real estate development operations

Article 30: Conditions d'acquisition de l'autorisation de réaliser les opérations de promotion immobilière

Ibyangombwa bikenewe kugira ngo umuntu agire uburenganzira bwo gutunga ubutaka

Conditions for authorization to carry out real estate development operations shall be

Les conditions d'acquisition de l'autorisation de réaliser les opérations de promotion

bwo mu mujyi bugenewe imirimo yo gutunganyiriza abantu ibibanza no kubibubakira bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

determined by an Order of the Prime Minister.

immobilière en milieu urbain sont déterminées par arrêté du Premier Ministre.

Icyiciro cya 3: Uburyozwe bw'abubatsi

Section 3: Liability of construction professionals

Section 3: Responsabilité des constructeurs

Ingingo ya 31: Umwubatsi

Article 31: Construction professional

Article 31: Constructeur d'un ouvrage

Afatwa nk'umwubatsi umuhanga mu guhanga inyubako, umuhanga mu by'ubwubatsi, rwiyemezamirimo, umutekinisiye ufitanye kontaro na nyir'imirimo.

Construction professional shall include architect, civil engineer, contractor and a technician who has concluded a contract with the owner.

Est réputé constructeur de l'ouvrage l'architecte, l'ingénieur civil, l'entrepreneur et le technicien lié au maître de l'ouvrage par un contrat.

Abavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bagomba kubahiriza ibisabwa n'amabwiriza agenga imyubakire ashyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze.

The persons referred to under Paragraph One of this Article comply with the requirements specified in the building control regulations issued through an Order of the Minister in charge of urban planning and building.

Les personnes visées au premier alinéa du présent article doivent se conformer aux prescriptions requises dans les normes de contrôle de construction édictées par arrêté du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions.

Ingingo ya 32: Ibibazwa umuhanga mu guhanga inyubako

Article 32: Architect's liability

Article 32: Responsabilité de l'architecte

Umuhanga mu guhanga inyubako abazwa imiterere, ikoreshwa, ibiranga ubwiza bw'inyubako, injyana mu gihagararo no mu marangi by'iyo nyubako. Ni we ushinzwe ibijyanye n'uko inyubako zubahiriza amabwiriza ariho na gahunda z'iterambere.

The architect shall be responsible for the conception and design of buildings and their environment, functionality, aesthetics and harmony of forms. He/she shall be responsible for the conformity of the building to the applicable regulations and development plans.

L'architecte est responsable de la conception de l'œuvre, de sa fonctionnalité, de son esthétique, de l'harmonie des formes et des couleurs.
Il est responsable de la conformité de l'oeuvre construite aux règlements en vigueur et aux plans de dévelopment.

Afite uburyozwe bw'imyaka cumi (10) ku bikorwa by'ubwubatsi byakozwe guhera ku itariki imirimo yakiriweho burundu.

The architect shall assume ten (10)-year liability for works executed from the date of their final acceptance.

L'architecte assume une responsabilite de dix (10) ans à compter de la date de la réception définitive des travaux.

Ingingo ya 33: Ibibazwa umuhanga mu by'ububatsi

Article 33: Civil engineer's liability

Article 33: Responsabilité de l'ingénieur civil

Umuhanga mu by'ubwubatsi abazwa uko inyubako ihagaze, ubukomere bwayo, ibyakurikijwe mu rwego rwa tekiniki mu kubaka ibice by'iyo nyubako.

The civil engineer shall be responsible for the structural design and stability of the building, the technical specifications in building and layouts.

L'ingénieur civil est responsable de la tenue et de la stabilité de l'édifice et des spécifications techniques des corps d'état secondaires.

Umuhanga mu by'ubwubatsi ashinzwe ibijyanye n'uko inyubako zubahiriza amabwiriza agenga imyubakire.

The civil engineer shall be responsible for the compliance of the building with the applicable regulations.

Il est responsable de la conformité de l'oeuvre construite par rapport aux règlements en vigueur.

Umuhanga mu by'ubwubatsi afite uburyozwe bw'imyaka cumi (10) ku bikorwa by'ubwubatsi yakoze guhera ku itariki imirimo yakiriweho burundu.

The civil engineer shall assume ten (10) years liability for works executed from the date of their final acceptance.

Il assume une responsabilite de dix (10) ans à compter de la date de la réception définitive des travaux.

Ingingo ya 34: Ibibazwa rwiyemezamirimo

Article 34: Contractor's liability

Article 34: Responsabilité de l'entrepreneur

Rwiyemezamirimo ayobowe mu rwego rwa tekiniki n'uwahanze inyubako hamwe n'umuhanga mu by'ubwubatsi, abazwa ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo y'ubwubatsi.

The contractor shall be responsible for the actual execution of works under the technical supervision of the architect and the civil engineer.

L'entrepreneur est responsable de l'exécution proprement dite des ouvrages sous le contrôle technique de l'architecte et de l'ingénieur civil.

Ingingo ya 35: Ingwate yo kwishingira kurangiza neza imirimo

Rwiyemezamirimo agomba gutanga ingwate yo kwishingira kurangiza neza imirimo. Iyo ngwate igumaho kuva umunsi imirimo y'ubwubatsi yakozwe yakiriwe by'agateganyo kugeza nibura umwaka urangiye.

Ingwate yo kurangiza neza imirimo yishingira inenge zose nyir'imirimo yavuze, haba mu nyandikomvugo na raporo y'iyakirwa ry'agateganyo ry'imirimo, cyangwa mu rwandiko, iyo inenge zagaragaye nyuma y'iyakirwa ry'agateganyo ry'imirimo y'ubwubatsi.

Article 35: Performance bond

The contractor shall furnish a performance bond. He/she shall get it back one (1) year after the provisional acceptance of his/her construction works.

The performance bond shall cover all the defects indicated by the owner, either by reservations expressed in the provisional acceptance report or by a written letter outlining defects found after the provisional acceptance of works.

Article 35: Garantie de bonne fin

L'entrepreneur doit fournir une garantie de bonne fin des travaux. Il ne peut recouvrer cette garantie qu'un an après la reception provisoire des ouvrages exécutés.

La garantie de bonne fin des travaux couvre tous les défauts signalés par le maître de l'ouvrage, soit au moyen de réserves mentionnées au procès-verbal de réception provisoire, soit par voie de notification écrite pour ceux révélés postérieurement à la réception provisoire.

Icyiciro cya 4: Iyakirwa ry'inyubako

Section 4: Acceptance of construction works

Section 4: Réception des travaux de construction des bâtiments

Ingingo ya 36: Iyakirwa ry'imirimo y'ubwubatsi yakozwe

Bisabwe na rwiyemezamirimo, iyakirwa ry'imirimo y'ubwubatsi ikorwa hari rwiyemezamirimo, ukoresha imirimo, umuhanga mu by'ubwubatsi na nyir'igikorwa.

Article 36: Acceptance of construction works

At the request of the contractor, the acceptance of construction works shall be carried out in the presence of the contractor, the project manager, civil engineer and the owner.

Article 36: Réception des travaux de construction des bâtiments

A la demande de l'entrepreneur, la réception des travaux se fait en présence de l'entrepreneur, du maître d'oeuvre, de l'ingénieur civil et du maître d'ouvrage.

Ingingo ya 37: Ikosorwa ry'inenge

Nyir'imirimo n'uyikoresha bumvikana ku gihe cya ngombwa kugira ngo inenge

Article 37: Remedying defects

The necessary period for remedying defects shall be specified by mutual consent between

Article 37: Réparation des défauts

La période nécessaire pour réparer les défauts doit être déterminée par consentement mutuel

zikosorwe. Icyo gihe kimenyeshwa rwiyemezamirimo.

the owner and the project manager and shall be notified to the contractor.

entre le maître d'ouvrage et le maître d'œuvre. Cette période doit être notifiée à l'entrepreneur.

Iyo inenge zidakosowe ku gihe cyateganyijwe kandi rwiyemezamirimo yarihanangirijwe ntibigire icyo bitanga, izo nenge zikosorwa n'undi rwiyemezamirimo, imirimo akoze ikishyurwa na rwiyemezamirimo utarakoze ibyo yari ashinzwe, akanaryozwa ibyakozwe mu mwanya we.

In case of failure to remedy defects within the specified period, such defects shall, after formal notice of non compliance, be remedied by another contractor at the defaulting contractor's risks and expenses.

Lorsque les défauts ne sont pas réparés dans le délai fixé, les travaux sont, après mise en demeure restée infructueuse, exécutés par un autre entrepreneur aux frais et risques de l'entrepreneur défaillant.

Icyiciro cya 5: Igenzura rya tekiniki

Section 5: Technical Supervision

Section 5: Contrôle technique

Ingingo ya 38: Ibiro by'igenzura

Article 38: Supervising office

Article 38: Bureau de contrôle

Ibiro by'igenzura rya tekiniki bifite inshingano yo gufasha mu gukumira impanuka zinyuranye zo mu rwego rwa tekiniki, zishobora kubaho mu gihe cy'ikorwa ry'imirimo.

The technical supervising office shall have the mission to contribute to the prevention of different technical hazards likely to occur during the execution of works.

Le bureau de contrôle technique a pour mission de contribuer à la prévention des différents aléas techniques, susceptibles de se présenter pendant la réalisation des ouvrages.

Bisabwe na nyir'imirimo, ibiro by'igenzura bimubwira icyo bitekereza ku bibazo byerekeye ubukomere n'imiterere by'inyubako no ku bibazo by'umutekano w'abantu n'ibintu.

The supervisory office shall, upon request by the owner, give its opinion on technical questions concerning the stability of construction works and safety of persons and their property.

A la demande du maître de l'ouvrage, le bureau de contrôle lui donne son avis sur les questions d'ordre technique concernant la stabilité et la nature de l'ouvrage ainsi que la sécurité des personnes et des biens.

Ingingo ya 39: Inyubako zigomba kugenzurwa mu rwego rwa tekiniki

Article 39: Constructions subjected to compulsory technical supervision

Article 39: Constructions soumises au contrôle technique obligatoire

Uko byagenda kose igenzura mu rwego rwa

In any case, technical supervision shall be

Le contrôle technique est dans tous les cas,

tekiniki ni ngombwa ku:

1° nyubako yose ihanitse igenewe gukorerwamo imirimo y'inganda cyangwa y'ubucuruzi;

2° nyubako rusange;

3° nyubako yindi yose ishobora guteza umutekano muke ku bantu n'ibintu, kubera imiterere n'icyo igenewe gukorerwamo.

Ingingo ya 40: Iyemerwa ry'ibiro by'ubugenzuzi bwa tekiniki

Ibiro by'igenzura ryo mu rwego rwa tekiniki byemerwa mu buryo buteganywa n'Iteka rya Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze.

Icyiciro cya 6: Ubwishingizi bw'imirimo yo kubaka

Ingingo ya 41: Ubwishingizi bw'ahubakwa

Agitangira imirimo y'ubwubatsi, rwiyemezamirimo agomba gufata ubwishingizi bw'impanuka zishobora kuba ahubakwa.

compulsory for:

1° any complex building, for commercial or industrial use;

2° any building intended for public use;

3° any other building which, due to its nature or utility, presents specific risks to the safety of persons and property.

Article 40: Authorization of technical supervising offices

Authorization of technical supervising offices shall be granted in accordance with conditions provided for by an Order of the Minister in charge of urban planning and building.

Section 6: Insurance for building works

Article 41: Construction site insurance coverage

The contractor shall, upon opening every construction site, subscribe an insurance to cover all possible risks that may arise on the construction site.

obligatoire pour:

1° tout immeuble complexe, à usage industriel ou commercial;

2° tout bâtiment à usage public;

3° toute autre construction qui, en raison de sa nature ou de son importance, présente des risques particuliers pour la sécurité des personnes et des biens.

Article 40: Agrément des bureaux de contrôle technique

L'agrément des bureaux de contrôle technique est délivré dans les conditions prévues par arrêté du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions.

Section 6: Assurance des travaux de construction

Article 41: Couverture du chantier par une assurance

L'entrepreneur doit, à l'ouverture de tout chantier, souscrire une assurance couvrant les risques pouvant survenir sur le chantier.

Keretse biteganyijwe ukundi, amasezerano y'ubwishingizi afatwa nk'aho akubiyemo ingingo yemeza ko ubwishingizi buzagumaho mu gihe cyose uwabufashe ashobora kubiryozwa.

Ingingo ya 42: Ubwishingizi bw'uburyozwe bw'abagize kubaka umwuga

Uwapatanye gukorera undi imirimo y'ubwubatsi agomba kuba afite ubwishingizi bw'ibyo yaryozwa, biturutse ku gikorwa cye.

Unless otherwise stipulated, such insurance shall be deemed to include a clause providing that the insurance stands for the duration of the responsibility weighing upon the insurance taker.

Article 42: Construction professionals liability insurance

The contractor shall be covered with liability insurance covering any damage that may result from his/her actions.

Sauf stipulation contraire, cette assurance est réputée comprendre une clause assurant le maintien de la garantie pour la durée de la responsabilité pesant sur la personne assujettie à l'obligation d'assurance.

Article 42: Couverture de la responsabilité des professionnels

L'entrepreneur doit être couvert par une assurance de responsabilité couvrant tout dommage pouvant résulter de ses actions.

INTERURO YA III: INYANDIKO Z'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJYI

TITLE III: URBAN PLANNING DOCUMENTS

TITRE III: DOCUMENTS D'URBANISME

UMUTWE WA MBERE: IGISHUSHANYOMBONERA CY'IMITUNGANYIRIZE Y'AHANTU N'UMUJYI

CHAPTER ONE: MASTER PLAN FOR LAND MANAGEMENT AND URBAN PLANNING

CHAPITRE PREMIER: SCHEMA DIRECTEUR D'AMENAGEMENT ET D'URBANISME

Icyiciro cya mbere: Ikigamijwe n'ibikubiye mu gishushanyombonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'umujyi

Section One : Purpose and contents of master plan for land management and urban planning

Section première: Objet et contenu du schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme

Ingingo ya 43: Icyo igishushanyombonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'umujyi kigamije

Igishushanyombonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'umujyi cyerekana, mu buryo bwa

Article 43: Purpose and contents of master plan for land management and urban planning

The master plan for land management and urban planning shall determine the general use

Article 43: Objet du schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme

Le schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme détermine la destination générale

rusange, icyo ubutaka bwa buri gice cy'umujyi bugenewe gukoreshwa, kikerekana ibice bigomba kwinjizwa mu mujyi cyangwa ahagomba kurindwa kubera umwihariko waho n'ahagomba gushyirwa ibikorwa remezo.

Icyo gishushanyombonera gikoze kandi ku buryo kinagaragaza ibyo Leta, Uturere n'Umujyi wa Kigali n'ibigo bya Leta cyangwa by'abikorera bigamije, mu byerekeye iterambere rirambye ry'imijyi.

of land in different urban areas and determine areas to be covered by urban planning as well as those that need protection due to their uniqueness, and areas designed for infrastructure development.

The master plan shall also be developed in such a way that it integrates the objectives of the State, Districts and the City of Kigali and public or private institutions in regards to sustainable urban development.

des sols dans le**s** différents périmètres urbains et localise les zones à urbaniser ou à protéger en raison de leur spécificité et les zones destinées au développement des infrastructures.

Le schéma directeur est élaboré d'une manière permettant d'intégrer les objectifs de l'Etat, des Districts, de la Ville de Kigali et des établissements publics ou privés en matière de développement urbain durable.

Icyiciro cya 2: Itegurwa, iyemezwa, isubirwamo n'itangazwa ry'igishushanyombonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'umujyi

Section 2: Formulation, approval, revision and publication of the master plan for land management and urban planning

Section 2: Elaboration, approbation, révision et publication du schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme

Ingingo ya 44: Uburyo igishushanyombonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'umujyi gitegurwa, cyemezwa, gihindurwa, gisubirwamo n'uko gitangazwa

Article 44: Procedures for formulation, approval, revision and publication of the master plan for land management and urban planning

Article 44: Procédures d'élaboration, d'approbation, de révision et de publication du schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme

Iteka rya Perezida rishyiraho uburyo igishushanyombonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'umujyi gitegurwa, cyemezwa, gihindurwa, gitangazwa n'uburyo gisubirwamo.

A Presidential Order shall determine procedures for formulation, approval, revision and publication of the master plan for land management and urban planning.

Un arrêté Présidentiel détermine les procédures d'élaboration, d'approbation, de révision et de publication du schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme.

Ingingo ya 45: Ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyombonera

Leta, inzego z'ibanze zifite ubuzimagatozi, ibigo bya Leta n'iby'abikorera bigomba gushyira mu bikorwa ibikubiye mu gishushanyombonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'umujyi cyemejwe.

Article 45: Compliance with the master plan

The Government, Local administrative entities with legal personality, public and private institutions shall strictly comply with the provisions of the approved master plan for land management and urban planning.

Article 45: Respect du schéma directeur

L'Etat, les entités administratives locales dotées de la personnalité juridique ainsi que les personnes morales de droit public et privé sont tenus au strict respect des dispositions du schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme approuvé.

UMUTWE WA II: IGISHUSHANYO RUSANGE N'IGISHUSHANYO CYIHARIYE BY'IMITUNGANYIRIZE Y'AHANTU

CHAPTER II: LOCAL AND SPECIFIC LAND DEVELOPMENT PLANS

CHAPITRE II: PLANS D'AMENAGEMENT LOCAL ET PARTICULIER

Icyiciro cya mbere: Ingingo rusange

Section One: Common provision

Section première: Disposition commune

Ingingo ya 46: Ihuzwa ry'ibishushanyo by'imitunganyirize y'ahantu n'imishinga yo kuhashyira ibikorwa remezo n'igishushanyombonera

Igishushanyo rusange n'ibishushanyo byihariye by'imitunganyirize y'ahantu, hamwe n'imishinga yose yo kuhageza ibikorwa remezo kugira ngo abantu bahajye, bigomba kuba bihuje n'ibyerekanwa n'igishushanyombonera cy'imitunganyirize y'ahantu n'imijyi.

Article 46: Compatibility of land development plans and infrastructure projects withthe master plan

The local and specific development plans with all infrastructure projects aiming at the occupation of space shall be compatible with the indications of the master plan for land management and urban planning.

Article 46: Compatibilité des plans d'aménagement et projets d'infrastructures avec le schéma directeur

Les plans d'aménagement local et particulier et tous les projets d'infrastructures visant l'occupation de l'espace doivent être compatibles avec les indications du schéma directeur d'aménagement et d'urbanisme.

Icyiciro cya 2: Igishushanyo rusange cy'imitunganyirize y'ahantu

Ingingo ya 47: Uburyo igishushanyo rusange cy'imitunganyirize y'ahantu gitegurwa, cyemezwa, gisubirwamo n'uko gitangazwa

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho uburyo igishushanyo rusange cy'imitunganyirize y'ahantu gitegurwa, cyemezwa, gitangazwa n'uburyo gisubirwamo.

Ingingo ya 48: Uruhare rw'Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire

Umushinga wose w'igishushanyo cy'imitunganyirize y'imijyi n'umushinga wose w'amabwiriza y'imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire, bishyikirizwa Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire ku rwego rw'Akarere kugira ngo kigire icyo kibivugaho.

Ingingo ya 49: Ingaruka z'imitunganyirize y'imijyi

Iyo igishushanyo cy'imitunganyirize y'ahantu kimaze kwemezwa ibikorwa bihateganyirijwe bifatwa nk'ibikorwa by'inyungu rusange.

Section 2: Local land development plan

Article 47: Procedures for the formulation, approval, revision and publication of the local land development plan

An Order of the Prime Minister shall determine procedures for the formulation, approval, revision and publication of the local land development plan.

Article 48: Role of the Rwanda Housing Authority

Any proposed urban planning and any proposed planning and construction standards shall be submitted to the Rwanda Housing Authority at the District level for its opinion.

Article 49: Effects of urban planning

Approval of local development plan shall entail declaring the planned works to be in the public interest.

Section 2: Plan d'aménagament local

Article 47: Procédures d'élaboration, d'approbation, de révision et de publication du plan d'aménagement local

Un arrêté du Premier Ministre détermine les procédures d'élaboration, d'approbation, de révision et de publication du plan d'aménagement local.

Article 48: Rôle de l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat

Tout projet de plan d'aménagement urbain et tout projet de normes d'urbanisme et de construction sont soumis, pour avis, à l'Office Rwandais pour la Promotion de l'Habitat au niveau du District.

Article 49: Effet de l'urbanisme

L'approbation du plan d'aménagement emporte déclaration d'utilité publique des travaux projetés.

Ingingo ya 50: Iyubahirizwa ry'igishushanyo rusange cy'imitunganyirize y' ahantu

Leta, inzego z'ibanze zifite ubuzimagatozi, ibigo bya Leta n'iby'abikorera bigomba gushyira mu bikorwa ibikubiye mu gishushanyombonera rusange cy'imitunganyirize y'ahantu cyemejwe.

Ingingo ya 51: Ibibujijwe ku biteganywa n'igishushanyo rusange cy'imitunganyirize y'ahantu

Amabwiriza n'uburenganzira bw'abandi ku butaka biteganywa n'igishushanyo rusange cy'imitunganyirize y'ahantu ntibishobora kurengwaho keretse bibaye ngombwa kubihuza n'imiterere y'ubutaka.

Icyiciro cya 3: Igishushanyo cyihariye cy'imitunganyirize y'ahantu

Ingingo ya 52: Uburyo igishushanyo cyihariye cyimitunganyirize y'ahantu gitegurwa, cyemezwa, gihindurwa, gisubirwamo n'uko gitangazwa

Iteka rya Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze rishyiraho uburyo igishushanyo cyihariye cy'imitunganyirize y'ahantu gitegurwa

Article 50: Compliance with the local land development plan

The Government, local administrative entities with legal personality as well as public and private institutions shall be strictly bound to comply with the approved local land development plan.

Article 51: Prohibition of derogation to the provisions of the local land development plan

Rules and easements defined by the local land development plan shall not be subject to any derogation except adaptations considered necessary by the nature of the land.

Section 3: Specific land development plan

Article 52: Procedures for the formulation, approval, revision and publication of the specific land development plan

An Order of the Minister in charge of urban planning and building shall determine procedures for the formulation, approval, revision and publication of the specific land

Article 50: Respect du plan d'aménagament local

L'Etat, les entités administratives locales dotées de la personnalité juridique ainsi que les personnes morales de droit public et privé sont tenus au strict respect des dispositions du plan d'aménagament local approuvé.

Article 51: Interdiction de déroger aux dispositions du plan d'aménagament local

Les règles et servitudes définies par le plan d'aménagement local ne peuvent faire l'objet d'aucune dérogation à l'exception des adaptations rendues nécessaires par la nature du sol.

Section 3: Plan d'aménagament particulier

Article 52: Procédures d'élaboration, d'approbation, de révision et de publication du plan d'aménagement particulier

Un arrêté du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions détermine les procédures d'élaboration, d'approbation, de révision et de publication du plan

cyemezwa, gihindurwa, gitangazwa n'uburyo gisubirwamo.

Ingingo ya 53: Iyubahirizwa ry'igishushanyo cyihariye cy'imitunganyirize y'ahantu

Leta, inzego z'ibanze zifite ubuzimagatozi, ibigo bya Leta n'iby'abikorera bigomba gushyira mu bikorwa ibikubiye mu gishushanyombonera cyihariye cy'imitunganyirize y'ahantu cyemejwe.

Ingingo ya 54: Ibibujijwe ku biteganywa n'igishushanyo cyihariye cy'imitunganyirize y'ahantu

Amabwiriza n'uburenganzira bw'abandi ku butaka biteganywa n'igishushanyo cyihariye cy'imitunganyirize y'ahantu ntibishobora kurengwaho keretse bibaye ngombwa kubihuza n'imiterere y'ubutaka, iy'ibibanza cyangwa ibiranga inyubako zihegereye.

INTERURO YA IV: UBURYO LETA IBONA UBUTAKA BUGENEWE ITUNGANYWA RY'IMIJYI CYANGWA YIBIKIRA

development plan.

Article 53: Compliance with the specific land development plan

The Government, local administrative entities with legal personality as well as public and private institutions shall be strictly bound to comply with the approved specific land development plan**.**

Article 54: Prohibition of derogation to the provisions of the specific land development plan

Regulations and rights defined by the specific land development plan shall not be subject to any derogation except adaptations considered necessary by the nature of land, the shape of plots or the character of neighbouring constructions.

TITLE IV: MODES OF LAND ACQUISITION BY THE STATE FOR URBAN DEVELOPMENT AND CREATION OF LAND RESERVES

d'aménagement particulier.

Article 53: Respect du plan d'aménagament particulier

L'Etat, les entités administratives locales dotées de la personnalité juridique ainsi que les personnes morales de droit public et privé sont tenus au strict respect des dispositions du plan d'aménagament particulier approuvé.

Article 54: Interdiction de dérogation aux dispositions du plan d'aménagement particulier

Les règles et servitudes définies par le plan d'aménagement particulier ne peuvent faire l'objet d'aucune dérogation à l'exception des adaptations rendues nécessaires par la nature du sol, la configuration des parcelles ou le caractère des constructions avoisinantes.

TITRE IV: MODES D'ACQUISITION FONCIERE PAR L'ETAT EN VUE D'AMENAGEMENT URBAIN ET DE LA CONSTITUTION DES RESERVES FONCIERES

UMUTWE WA MBERE: UBURYO BWO KUBONA UBUTAKA

Ingingo ya 55: Uburyo Leta, Umujyi wa Kigali n'Uturere bibona ubutaka

Mu rwego rw'imitunganyirize y'imijyi, Leta, Umujyi wa Kigali n'Uturere bishobora kubona ubutaka hakoreshejwe uburyo bwo kumvikana, kugura, kugurana, impano n'indagano.

Ingingo ya 56: Ubutaka Leta, Umujyi wa Kigali n'Uturere byibikira ngo butunganywe ku mpamvu z'inyungu rusange

Hashingiwe ku mategeko abigenga, Leta, Umujyi wa Kigali n'Uturere bishobora kwibikira ubutaka bwo gutunganywa ku mpamvu z'inyungu rusange.

UMUTWE WA II: KWIMURA ABANTU KU MPAMVU Z'INYUNGU RUSANGE

Ingingo ya 57: Inzego zifite ububasha bwo kwimura abantu

Leta, Umujyi wa Kigali n'Uturere bishobora kwimura abantu hakurikijwe Itegeko ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu

CHAPTER ONE: MODES OF LAND ACQUISITION

Article 55: Modes of land acquisition by the State, City of Kigali and Districts

For the purposes of urban planning, the Government, City of Kigali and Districts shall acquire land by way of amicable transfer, purchase, exchange, donation and bequest.

Article 56: Creation by the Government, City of Kigali and Districts of land reserves for the purposes of land development in the public interest

In accordance with relevant laws, the Government, City of Kigali and Districts shall create land reserves for the purposes of land development in the public interest.

CHAPTER II: EXPROPRIATION IN THE PUBLIC INTEREST

Article 57: Competent institutions to carry out expropriation

The Government, City of Kigali and Districts shall carry out expropriation in accordance with the Law relating to expropriation in

CHAPITRE PREMIER: MODES D'ACQUISITION FONCIERE

Article 55: Modes d'acquisition foncière par l'Etat, la Ville de Kigali et les Districts

L'Etat, la Ville de Kigali et les districts peuvent, en vue d'aménagement urbain, acquérir des terres par voie de cession à l'amiable, d'achat, d'échange, de dons et legs.

Article 56: Constitution par l'Etat, la Ville de Kigali et les districts pour des fins de réserves foncières en vue d'aménagements d'utilité publique

Conformément aux lois en la matière, l'Etat, la Ville de Kigali et les Districts peuvent constituer des réserves foncières en vue d'éventuels aménagements d'utilité publique.

CHAPITRE II: EXPROPRIATION POUR CAUSE D'UTILITE PUBLIQUE

Article 57: Institutions compétentes pour procéder à l'expropriation

L'Etat, la Ville de Kigali et les Districts peuvent procéder à l'expropriation conformément à la Loi portant expropriation

z'inyungu rusange.

Ingingo ya 58:Ahashyirwa ubutaka bwimuweho abantu

Ubutaka bwimuweho ba nyirabwo ku mpamvu z'inyungu rusange bushyirwa mu mutungo bwite w'urwego rwabimuye.

UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA BWA LETA BWO GUCUNGURA UMUTUNGO UGURISHWA

Ingingo ya 59: Uburenganzira bwa Leta mu gucungura umutungo ugurishwa

Ubuyobozi bubifitiye ububasha, bushingiye ku biteganywa n'inyandiko z'imitunganyirize y'imijyi, bubanza kugena aho bushaka kuzacungura ubutaka bw'aho, mu gihe haba hari umwe mu bahafite inyubako waba ushatse kuyigurisha.

Ingingo ya 60: Kumenyekanisha igitekerezo cyo kugurisha

Umuntu wese ushaka kugurisha umutungo we utimukanwa cyangwa uburenganzira awufiteho, ukaba uri aho Leta yageneye gukoreshaho uburenganzira bwayo bwo gucungura umutungo, agomba kubanza kubimenyesha ibiro by'ubutaka by'aho uwo

public interest.

Article 58: Destination of expropriated land

Expropriated land in public interest shall become the private domain of the expropriating institution.

CHAPTER III: STATE'S PRE-EMPTIVE RIGHT ON THE PROPERTY TO SELL

Article 59: State's pre-emptive right on the property to sell

Relevant authorities shall determine the zones subjected to the pre-emptive right on the basis of the requirements of urban planning documents in case the owner of the building intends to sell it.

Article 60: Declaration of intent to sell

Any person wishing to sell a building or real property located within the area subject to pre-emptive right, shall make a declaration of intent to sell, to the land bureau of the area in which the concerned property is located.

pour cause d'utilité publique.

Article 58: Destination des biens fonciers expropriés

Les biens fonciers expropriés pour cause d'utilité publique tombent dans le domaine privé de l'institution expropriante.

CHAPITRE II: DROIT DE PREEMPTION DE L'ETAT SUR LE BIEN A VENDRE

Article 59: Droit de préemption de l'Etat sur le bien à vendre

L'autorité compétente détermine au préalable les zones soumises à l'exercice du droit de préemption sur la base des prescriptions des documents d'urbanisme dans le cas où le propriétaire d'un bâtiment entend le vendre.

Article 60: Déclaration de l'intention de vente

Toute personne voulant aliéner un immeuble ou des droits réels immobiliers, à l'intérieur du périmètre de préemption, doit au préalable faire une déclaration d'intention d'aliéner auprès du bureau foncier du lieu de situation des biens concernés.

mutungo uherereye.

Ingingo ya 61: Igihe cyo kumenyesha icyemezo cyo gucungura umutungo

Urwego rufite ububasha bwo gucungura umutungo, rufite igihe kitarenze iminsi mirongo cyenda (90) ibarwa uhereye ku munsi nyir'umutungo yamenyesheje icyifuzo cye, kugira ngo rube rwamumenyesheje icyemezo cyarwo.

Muri icyo gihe iyo urwo rwego rutabikoze, bifatwa ko rwiyemeje kudakoresha uburenganzira bwarwo bwo gucungura.

Article 61: Time limit for the notification of the decision to exercise the pre-emptive right

The organ entitled to the pre-emptive right shall have a period not exceeding ninety (90) days from the date of the declaration of the intended sale to notify its decision regarding the exercise of the pre-emptive right.

Failure by such an organ to do so within the prescribed time limit shall constitute a waiver of the pre-emptive right.

Article 61: Délai de notification de la décision d'exercice du droit de préemption

L'organe jouissant du droit de préemption dispose d'un délai ne dépassant pas quatre-vint-dix (90) jours, à compter de la date de déclaration d'intention d'aliéner par le propriétaire d'un bien, pour lui notifier sa décision d'user de son droit de préemption.

L'absence de notification à l'expiration de ce délai équivaut à une renonciation à l'exercice du droit de préemption.

Ingingo ya 62: Itangwa n'ikoreshwa ry'umutungo wacunguwe n'urwego rubifitiye ububasha

Urwego ruvugwa mu ngingo ya mirongo itandatu n'imwe (61) y'iri tegeko, ntirushobora gutanga umutungo rwabonye rukoresheje uburenganzira bwo kuwucungura, rutabanje kuhashyira ibikorwa rwahageneye. Iyo bidashobotse, ruhateganyiriza ibindi bikorwa by'inyungu rusange**.**

Article 62: Transfer and use of the property acquired through pre-emptive right by the competent organ

The organ provided under Article 61 of this law shall not transfer the property acquired through pre-emptive right before allocating the facilities for which the preemptive right was exercised. Where this is not possible, it shall allocate it to other facilities of public interest.

Article 62: Cession et utilisation des acquisitions faites par voie d'exercice du droit de préemption par l'organe compétent

L'organe visé à l'article 61 de la présente loi ne peut céder les acquisitions faites par voie d'exercice du droit de préemption avant d'y ériger les aménagements pour lesquels le droit de préemption a été exercé. En cas d'impossibilité, il y érige d'autres aménagements d'utilité publique.

Ingingo ya 63: Amategeko akurikizwa mu gukemura impaka

Iyo havutse impaka kubera ikoreshwa ry'uburenganzira bwo gucungura umutungo zikemurwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 63: Law applicable to the settlement of disputes

The disputes arising from the exercise of the pre-emptive right shall be settled in accordance with relevant laws.

Article 63: Lois applicables à la résolution des litiges

Les litiges résultant de l'exercice du droit de préemption sont résolus conformément aux lois en la matière.

INTERURO YA V: IBIKORWA BY'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJYI

TITLE V: URBAN PLANNING OPERATIONS

TITRE V: OPERATIONS D'URBANISME

UMUTWE WA MBERE: INGINGO ZIHURIWEHO N'IBIKORWA BYOSE BY'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJYI

CHAPTER ONE: COMMON PROVISIONS TO ALL URBAN PLANNING OPERATIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS COMMUNES A TOUTES LES OPERATIONS D'URBANISME

Ingingo ya 64: Iperereza, itangizwa, itunganywa n'itangwa ry'impushya ry'ibikorwa by'imitunganyirize y'imijyi

Iteka rya Minisitiri ufite imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire mu nshingano ze rishyiraho uburyo bw'iperereza, itangizwa, itunganywa, itangwa ry'impushya bikurikizwa mu bikorwa by'imitunganyirize y'imijyi bivugwa mu ngingo ya 15 y'iri tegeko.

Article 64: Investigation, initiation, organization and issuance of authorizations to carry out urban planning operations

An Order of the Minister in charge of urban planning and building shall determine procedures for investigation, initiation, organization and issuance of authorizations to carry out urban planning operations provided under Article 15 of this Law.

Article 64: Enquête, initiation, organisation et délivrance des autorisations de réalisation des opérations d'urbanisme

Un arrêté du Ministre ayant l'urbanisme et la construction dans ses attributions détermine les procédures d'enquête, d'initiation, d'organisation et de délivrance des autorisations de réalisation des opérations d'urbanisme visées à l'article 15 de la présente loi.

Ingingo ya 65: Igenzura ry'umushinga w'igishushanyo cy'imitunganyirize y'umujyi

Umushinga w'igishushanyo cy'imitunganyirize y'imijyi ushyikirizwa

Article 65: Supervision of a proposed urban planning

The proposed urban planning shall be submitted to Rwanda Housing Authority for

Article 65: Contrôle d'un projet de plan d'urbanisme

Le projet de plan d'urbanisme est soumis à l'Office Rwandais pour la Promotion de

Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe guteza imbere imiturire kugira ngo kiwusuzume.

consideration.

l'Habitat pour examen.

UMUTWE WA II: IMIRIMO IJYANYE N'IMITUNGANYIRIZE Y'IMIJYI

CHAPTER II: ACTIVITIES RELATED TO URBAN PLANNING OPERATIONS

CHAPITRE II: ACTIVITES RELATIVES AUX OPERATIONS D'URBANISME

Icyiciro cya mbere: Ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyo

Section One: Execution of plan

Section première: Exécution du plan

Ingingo ya 66: Iyubahirizwa ry'igishushanyo mu gihe cyo kugishyira mu bikorwa

Article 66: Reference to the proposed plan during its execution

Article 66: Référence au projet de plan dans les travaux d'implantation

Imirimo ikorwa hashingiwe ku bikubiye mu gishushanyo cyemejwe mu buryo bukurikije amategeko.

Proposed works shall be executed on basis of the approved plan and in accordance with laws.

Les travaux d'implantation sont exécutés sur base du plan approuvé conformément à la loi.

Ingingo ya 67: Iyubahirizwa ry'amategeko y'ikorwa ry'imihanda n'imiyoboro inyuranye

Article 67: Compliance with standards applicable to roads and other various networks

Article 67: Respect des normes applicables aux voiries et aux réseaux divers

Ibikorwa bishyirwa ahakorerwa imirimo y'imitunganyirize y'umujyi, bikorwa hakurikijwe amategeko yerekeye imihanda n'imiyoboro inyuranye.

Facilities allocated on a zone in which urban planning operations are conducted shall be executed in accordance with relavant laws to roads and other various networks.

Les installations devant être érigées dans une zone dans laquelle les opérations d'urbanisme sont exécutées, sont réalisées conformément aux lois relatives aux voiries et aux réseaux divers.

Ingingo ya 68: Ingaruka zo kudatangirira ibikorwa by'imitunganyirize y'imijyi ku gihe

Article 68: Effects of failure to commence urban planning works within the prescribed period

Article 68: Effets du non démarrage des travaux d'urbanisme dans les délais

Iyo hashize imyaka ibiri (2) umushinga

A proposed urban planning operation that

Passé un délai de deux (2) ans à compter de

